

*Official Gazette n°12 of 21/03/2011*

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI MINISTERIAL REGULATIONS INSTRUCTIONS MINISTERIELLES**  
**N°001/MINIFOM/2011 YO KUWA 10 N°001/MINIFOM/2011 DATED ON 10 N°001/MINIFOM/2011 DU 10 MARS 2011 SUR**  
**WERURWE 2011 YO KURWANYA MARCH 2011 FIGHTING SMUGGLING IN LA LUTTE CONTRE LA FRAUDE DANS LE**  
**FORODE MU BUCURUZI BW'AMABUYE MINERAL TRADING COMMERCE DE MINERAIS**  
**Y'AGACIRO**

**Minisitiri w'Amashyamba na Mine;**

**Minister of Forestry and Mines;**

**Le Ministre des Forêts et des Mines ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo yaryo ya 96;

Pursuant to the Law n°37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation, especially in its article n° 96;

Vu la Loi n°37/2008 de la 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en son article 96;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 003/MINIFOM/2010 ryo kuwa 14/09/2010 rishyiraho uburyo bwo kwemererwa kugura no kugurisha amabuye y'agaciro mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;

Pursuant to the Ministerial Order n°003/MINIFOM/2010 of 14/09/2010 on the requirements for granting the licenses for purchasing and selling of mineral substances in Rwanda, especially in its article n° 8;

Vu l'Arrêté ministériel n°03/MINIFOM/2010 du 14/09/2010 portant conditions d'agrément pour l'achat et vente des minerais au Rwanda, spécialement en son article 8;

Amaze kubona ko ari ngombwa gukumira forode mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro;

Considering the necessity to eradicate minerals smuggling;

Vu la nécessité de lutter contre la fraude dans le commerce des minerais;

**Atanze amabwiriza akurikira:**

**Adopts the following instructions:**

**Ordonne les instructions suivantes:**

**Ingingo ya mbere: Kwemererwa kugura no gucuruza amabuye y'agaciro**

**Article one: Permission to buy and to sell minerals**

**Article premier: Autorisation d'achat et de vente des minerais**

Nta muntu wemerewe kugura cyangwa gucuruza amabuye y'agaciro atanditse mu bitabo by'ubucuruzi.

Nobody is allowed to purchase or sell minerals without commercial registration.

Personne n'est autorisé d'acheter ni de vendre les minerais s'il n'est enregistré au registre de commerce.

**Ingingo ya 2: Gufungura ahacururizwa amabuye y'agaciro**

Uretse abafite uburenganzira bwo gucukura amabuye y'agaciro bemewe kandi byamenyeshejwe Minisitiri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo, umuntu cyangwa ishyirahamwe ryifuza kugura no gucukura amabuye y'agaciro agomba kwandikira Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze amusaba uruhushya rwo gufungura ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y'agaciro, akanasobanura ubwoko bw'amabuye y'agaciro azacuruzwa. Atangira imirimo amaze kubona uruhushya rwa Minisitiri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) no kubyemererwa n'Ikigo cy'Igihugu cya Jeworoji na Mine (OGMR).

**Ingingo ya 3 : Gukumira iyinjizwa ry'amabuye y'agaciro mu gihugu mu buryo bwa forode**

Birabujijwe kwinjiza mu Gihugu amabuye y'agaciro adafite impapuro zerekana aho akomoka yacukuwe, zerekana ko yapimiwe aho aturutse kandi ko byemejwe na serivisi zibifitiye ububasha kandi akaba afunze (ariho ubujeni) nk'uko bisabwe kandi afite impapuro ziyinjiza mu gihugu.

**Ingingo ya 4 : Gutwara amabuye y'agaciro**

Amabuye y'agaciro yemerewe gutwarwa hanze y'imbago yacukwemo ni agaragaza ibirombe yacukwemo, apimwe kandi afunze n'ubujeni (**tagged**), kandi afite impapuro ziyaherekeza.

**Article 2 : Opening a mineral trading center**

Apart from those with mining licenses recognized by the Ministry of Commerce and Industry (MINICOM) as also involved in trading, a person or a company that wishes to buy or sell minerals must apply to the Minister of Commerce requesting for permission to trade, in the same, clearly specifying the type of mineral(s). Trading activities will begin after the Ministry of Commerce and Industry (MINICOM) has given the permission and the Rwanda Geology and Mines Authority (OGMR) has given its consent.

**Article 3: Preventing importation of fraudulent minerals in the country**

It is forbidden to import minerals into Rwanda without proper documents indicating their origin and the weight at origin, given by the right authorities. These minerals have to be with required trade documents, and to be certified and tagged by competent authorities.

**Article 4: Transport of Minerals**

Transportation of minerals outside mining licensed areas (Concessions and Permits perimeters) is only allowed, when the consignment shows the source mine, its value and when it has the right tag.

**Article 2 : Ouverture du comptoir d'achat et vente des minerais**

Exception faite aux titulaires de titres miniers agréés et dont le Ministre ayant le commerce dans ses attributions est dûment informé, toute personne physique ou morale désirant exercer l'activité d'achat et de vente des minerais ou des pierres précieuses doit adresser au Ministre ayant le commerce dans ses attributions, une demande d'autorisation d'ouverture d'un comptoir d'achat et de vente des minerais, spécifiant les types de minerais ou de pierres précieuses qui l'intéressent. Les travaux de commerce ne commencent qu'après l'autorisation du Ministère du Commerce et de l'Industrie (MINICOM) après avis de l'Office de Géologie et des Mines du Rwanda (OGMR).

**Article 3: Prévention de l'entrée illicite des minerais dans le Pays**

Il est interdit de faire entrer dans le Pays les minerais sans montrer leur certificat d'origine, leur mesure faite à la source, le tout approuvé par les autorités habilitées; En fait, seuls les minerais certifiés et étiquetés avec export documents sont autorisés d'entrer dans le Pays.

**Article 4 : Du transport des minerais**

Seuls sont autorisés à être transportés, les minerais qui justifient de leur mine d'exploitation, de leur mesure, certifiés et étiquetés.

**Ingingo ya 5 : Ibyerekeranye n'inyemezabuguzi**

Uwaguze amabuye y'agaciro agomba kuba afite inyemezabuguzi y'aho yayaguze kandi amabuye yemerewe gucuruzwa ni agaragaza aho yacukuwe gusa.

**Ingingo ya 6 :Kohereza hanze y'igihugu amabuye y'agaciro**

Amabuye y'agaciro yoherezwa hanze y' Igihugu agomba guherekezwa n'icyemezo cy'aho aturuka ndetse n'inyandiko igaragaza aho yoherejwe kandi akaba afunze uko bikwiye (tagged).

**Ingingo ya 7 : Ahacururizwa amabuye y'agaciro**

Nta handi byemewe gucururiza amabuye y'agaciro mu Rwanda uretse ahabugenewe mu Mujyi wa Kigali, uwa Rusizi, uwa Rubavu, uwa Musanze, uwa Nyagatare, uwa Ngoma, uwa Muhanga n' uwa Huye.

**Ingingo ya 8 : Raporo z'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro**

Abacuruzi b'amabuye y'agaciro bagomba gukora raporo buri kwezi z'ibyaguzwe n'ibyagurishijwe zikoherezwa Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) kimwe na Minisiteri y'Amashyamba na Mine(MINIFOM) n'Ikigo cy'Igihugu cya Jeworoji na Mine mu Rwanda (OGMR).

**Article 5: Payment voucher.**

The buyer of minerals must possess a payment voucher from the seller. Mineral purchasing is restricted to those minerals where the source mine is known.

**Article 6: Minerals exportation**

All minerals to be exported must have the certificate of origin, traceability documents and must be tagged.

**Article 7: Minerals trading centers**

Mineral trading in Rwanda is only accepted in previously designated areas in Kigali City, Rusizi, Rubavu, Musanze, Nyagatare, Ngoma, Muhanga and Huye towns.

**Article 8: Mineral trading report**

Mineral traders must submit to the Ministry of Commerce (MINICOM) monthly reports of total purchases and sales, and to the Ministry with mines in its attributions and to the Rwanda Geology and Mines Authority (OGMR).

**Article 5 : De la facture.**

L'acheteur des minerais doit détenir la facture établie par le permissionnaire de la mine d'origine ; seuls peuvent être vendus, les minerais qui présentent leur origine.

**Article 6 : De l'exportation des minerais**

Les minerais exportés doivent justifier de leur certificat d'origine et des pièces sur leur destination et dûment étiquetés.

**Article 7 : Le comptoir d'achat et de vente de minerais.**

Au Rwanda, le commerce des minerais n'est autorisé que dans les villes de Kigali, Rusizi, Rubavu, Musanze, Nyagatare, Ngoma, Muhanga et Huye.

**Article 8 : Les rapports de commerce des minerais**

Les commerçants des minerais doivent fournir des rapports mensuels des minerais achetés et vendus au Ministère du Commerce et de l'Industrie (MINICOM) et au Ministère des Forêts et des Mines (MINIFOM) ainsi qu'à l'Office de Géologie et des Mines (OGMR).

*Official Gazette n°12 of 21/03/2011*

**Ingingo ya 9 : Kubika amabuye y'agaciro yafatiwe muri forode**

Amabuye y'agaciro afatiwe muri forode n'inzeho zishinzwe umutekano cyangwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro(RRA) azashyikirizwa Ikigo cy'Igihugu cya Jeworoji na mine mu Rwanda (OGMR) na cyo kizatange icyemezo cyabugenewe cyemeza ko kiyakiriye.

**Ingingo ya 10 : Ingaruka zo kutubahiriza aya mabwiriza**

Umuntu wese ufatiwe mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro mu buryo bwa forode azahanishwa ibihano biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

**Ingingo ya 11 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 12 : Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu yashyiriweho umukono na Minisitiri w'Amashyamba na Mine.

Bikorewe i Kigali , kuwa 10 Werurwe 2011

**Article 9: Storage of fraudulent minerals.**

Fraudulent minerals impounded by the security services or the Rwanda Revenue Authority (RRA) will be handed to Rwanda Geology and Mines Authority (OGMR), which will issue a suitable certificate of receipt.

**Article 10: Repercussions of breaking these regulations**

Anybody caught in fraudulent mineral trade shall be liable according to article 103 of the Law n°37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation.

**Article 11: Repealing provisions**

All prior regulations contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 12: Commencement.**

These regulations will come into force on the date of their signature by the Minister of Forestry and Mines.

Done in Kigali, on 10 March 2011

**Article 9 : Entreposage des minerais pris en fraude.**

Les minerais qui seront pris en fraude par les services chargés de sécurité ou les Agents de l'Office Rwandais des Recettes (RRA) seront remis à l'Office de Géologie et des Mines du Rwanda (OGMR) qui fournira une attestation leur perception.

**Article 10 : Les répercussions du non respect des Instructions**

Quiconque sera pris en fraude de minerais sera puni par les peines prévues par l'article 103 de la loi n°37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières.

**Article 11 : Dispositions abrogatoires**

Toutes les dispositions antérieures et contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Article 12 : Entrée en vigueur.**

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature par le Ministre des Forêts et des Mines.

Fait à Kigali, le 10 Mars 2011

*Official Gazette n°12 of 21/03/2011*

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Minisitiri w'Amashyamba na Mine.

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Ministry of Forestry and Mines

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Ministre des Forêts et des Mines